REPUBLIC OF RWANDA

MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI

MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES

OFFICE OF THE PERMANENT SECRETARY

Kigali, 08 DEC 2021

N°...2334/11.30/NAC

# ITANGAZO

## GUHAMAGAZA IMISHINGA Y'URUBYIRUKO MU TURERE TWA BUGESERA, KAYONZA, NYAGATARE, RULINDO NA GAKENKE

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ku nkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) yageneye inkunga urubyiruko rukora ubuhinzi n'ubworozi izabafasha gukomeza gukora ubuhinzi n'ubworozi bibungabunga ibidukikije kandi bihangana n'ihindagurika ry'ikirere mu Turere twa **Kayonza, Nyagatare, Rulindo, Bugesera na Gakenke.**

Imishinga izaterwa inkunga, ni imishinga y'ubuhinzi n'ubworozi igaragaza gahunda yo guteza imbere uruhererekane rw'imirimo y' ubuhinzi n' ubworozi bubungabunga ibidukikije kandi ukorera mu Turere twavuzwe haruguru.

Uwemerewe gusa inkunga ni urubyiruko rufite imyaka hagati ya 18 na 30, yuzuza neza inyandiko isaba inkunga igaragaza amakuru yose asabwa n'inyandiko zisabwa iri ku mugereka w'ir'itangazo no ku rubuga rwa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi arirwo **www.minagri.gov.rw** akabyohereza kuri imeri: youthgrant@minagri.gov.rw. bitarenze taliki **18 Ukuboza 2021**.

Mugire Amahoro.

For

**Jean Claude MUSABYIMANA**
**Umunyamabanga Uhoraho**

**Bimenyeshejwe:**

-Nyakubahwa Ministiri w' Ubuhinzi n'Ubworozi,
-Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi.
-Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera
-Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare
-Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza
-Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo
- Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke.

# AMABWIRIZA SHINGIRO YO GUTERA INKUNGA IMISHINGA Y'URUBYIRUKO RUKORA UBUHINZI N'UBWOROZI BIHANGANA N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE MU TURERE TUZAHAZWA N'IBIZA MU RWANDA

---

## 0. Intangiriro

U Rwanda rwihaye intego yo kuba igihugu gifite ubukungu buringaniye mu mwaka wa 2035 no kuzaba mu bihugu bifite ubukungu buteye imbere mu mwaka wa 2050(NST1).Imwe mu nzira zo kugera kuri izo ntego ni uguteza imbere ubuhinzi n'ubworozi hongerwa umusaruro.Icyerekezo 2050 cyerekanye ko kongerera ubushobozi urubyiruko kugira ngo rukore ubuhinzi n'ubworozi bibungabunga ibidukikije arimwe mu nzira yatugeza ku iterambere rirambye ry'ubuhunzi.

Kugeza ubu, Ubuhinzi n'ubworozi ni ishingiro ry'izamuka ry'ubukungu burambye bw'u Rwanda.Muri iki gihe urwego rw' ubuhinzi rugize hejuru ya kimwe cya gatatu (1/3) cy'ubukungu bw' u Rwanda , bugatanga hafi kimwe cya kabiri (1/2) cy'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga , kandi bukanatanga akazi kubagera kuri bibiri bya gatatu by'abaturage bose bageze igihe cyo gukora.

Urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi rufatwa kandi nk'inkingi ya mwamba mu guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage n'amahirwe yo guhanga akazi ku rubyiruko rwo muri Africa no mu Rwanda by'umwihariko.Gahunda y'Igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi(PSTA4) igaragaza amahirwe aburimo mu kwihangira imirimo ku rubyiruko binyuze mu guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, guhanga udushya hagamijwe kuvugurura isura y'uru rwego, kuzamura measure n'ishoramari no gukangurira abakiri bato kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi.

Nk'uko bigaragara muri PSTA4, urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi ntirwitaye bihagije ku uruhare rw'urubyiruko n'abagore mu kubyaza inyungu uru rwego. Guha umwanya urubyiruko rukagira uruhare mu buhinzi bishobora kuvugururwa n'ubwo abakiri bato bagenda biguruntege mu kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi bigatizwa umurindi n'imyumvire y'uko ubuhinzi n'ubworozi bufatwa nk'umwuga utabyara inyungu kandi udakunzwe n'abize. Guhamagarira urubyiruko rwize kugana ubuhinzi n'ubworozi n'ingenzi mu gutanga icyizere cyo guteza imbere gahunda yo guhanga imirimo,no kuba ku isonga mu guteza imbere urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi bikozwe kinyamwuga no gutunganya ibibukomokaho mu Rwanda.

## I. Icyo inkunga igamije

Ubutaka ni ishingiro mu kuzamura umusaruro n'iterambere ry'ubukungu bukaba umusingi w'imibereho myiza y'abaturage kuko butanga 90% y'ibiribwa mu Gihugu. Bukaba kandi bwaba kimwe mu bitera igabanuka ry'umusaruro mu gihugu mu gihe butabungabunzwe. Kubw'iyo mpamvu iterambere ry'ubuhinzi risaba kongera inyungu iboneka kuri hegitari, kongera umusaruro no guhinga ibihingwa bitanga inyungu .Hashingiwe kandi ku muhindagurukire y'ikirere urwego rw'ubuhinzi rukwiye gukomeza kubaka ubudahangarwa hitabwa ku uburyo duhinga n'ingamba dufata mu kubungabunga ibidukikije hagamijwe kongera umusaruro.

Inkingi ya 2 ya Gahunda y'igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi(PSAT4) yerekana neza ibikorwa bitenijwe mu guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi bihangana n'imihindagurikire y'ikirere.Muri byo harimo: kongera ibyanya byuhirwa,kongera ubuso burwanyijeho isuri hakorwa amaterasi, kugenzura ikoreshwa ry'ifumbire,gukoresha imbuto z'indobanure,kubona ibiryo by'amatungo bikwiriye no kongera umusaruro w'amafi.

Byagaragaye ko barwiyemezamirimo bakiri bato bafite ubushobozi bukwiye mu guhindura ubuhinzi mu Rwanda. Urubyiruko kandi rukaba rugize umubare munini w'abaturarwanda bari mu myaka yo gukora n'ingombwa ko bagira uruhare rugaragara mu iterambere ry'Igihugu.

Niyo mpamvu, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi(MINAGRI) yiyemeje guteza imbere urubyiruko rugana ubuhinzi n'Ubworozi maze ishyiraho ihuriro(Rwanda Youth in Agribusiness Forum/RYAF) ubu rigizwe n'abarenga 12000 (29% abagore,na 71% abagabo).Iri huriro rikaba ribafasha gushyirahamwe ba rwiyemezamirimo mu buhinzi n'ubworozi n'abashaka kwinjira muri uyu mwuga hagamijwe kubahuriza hamwe no kubafasha kubageza ku mahirwe ahari, kugabanya ibura ry'akazi, kubakorera ubuvugizi no kubongerera ubumenyi mu gukora ubuhinzi n'ubworozi kinyamwuga hahangwa udushya hifashishijwe ikoranabuhanga.

Ni muri urwo rwego, MINAGRI ku nkunga y' Ishami ry'Umuryango w' Abibumbye ryita ku Iterambere (United Nations Development Programme/UNDP) yageneye inkunga urubyiruko ruri mu buhinzi n'ubworozi muri tumwe mu Turere dukunda kwibasirwa n'ibiza aritwo: **KAYONZA, BUGESERA, NYAGATARE, GAKENKE na RULINDO** kugira ngo bakore ubuhinzi n'ubworozi bubungabunga ibidukikije kandi buhangana n'imihindagurikire y'ikirere hagamijwe kongera umusaruro no kwiteza imbere.

## II. Intego nyamukuru y'inkunga

Iyi nkunga igamije kongerera imbaraga n'ubushobozi urubyiruko mu gukora ubuhinzi burambye hagamijwe kwiteza imbere.

## III. Intego zihariye y'inkunga

- Kongera umubare w'urubyiruko rwikorera n'inyungu y'umusaruro ujya ku isoko, kongerera agaciro umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, kuvugurura ubuhinzi no kubahuza n'amasoko.
- Kugera ku ntego y'ivugururwa ry'ubuhinzi hazamurwa umusaruro hitawe ku buhinzi bubungabunga ibidukikije.
- Kongera no gusakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu kuvugurura ubuhinzi, gukoresha amazi neza mu kuhira ibihingwa no gufasha abahinzi guhangana n'imiindagurikire y'ikirere.
- Kuzamura ishoramari rihamye mu buhinzi n'ubworozi hangamijwe kugera ku bukungu burambye.
- Gushyigikira ishoramari mu mishanga y' ubuhinzi n'ubworozi izana iterambere rigaragara, hagamijwe kongera umusaruro imirimo no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.
- Guhindura imyumvire y'urubyiruko rushishikarizwa gukora ubuhinzi n' ubworozi kinyamwuga.

## IV. Uburyo inkunga izatangwamo

Umushinga w' ubuhinzi n'ubworozi ugaragaza gahunda yo guteza imbere uruhererekane rw'imirimo y' ubuhinzi n' ubworozi bubungabunga ibidukikije wujuje ibisabwa kandi watoranijwe n'itsinda ribishinzwe nyuma y'igenzura uzahabwa amafaranga mu buryo bukurikira:

- Umushinga w' umuntu umwe cyangwa Kamapani uzahabwa mu byiciro inkunga igera kuri miliyoni 3 z'amafaranga y'u Rwanda (3,000,000rwf)
- Umushinga wa cooperative y'urubyiruko uzahabwa inkunga mu byiciro igera kuri miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda (5,000,000rwf)

## V. Ibizagenderwaho kugira ngo umuntu ku giti cye / Kampani/ Koperative yemererwe inkunga

Kugira ngo imishinga y'urubyiruko yemererwe inkunga, igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

i. Imishinga yakirwa igomba kuba iherereye mu Turere twa Kayonza, Bugesera, Nyagatare, Gakenke na Rulindo.

ii. Kuba umushinga umaze byibura imyaka ibiri ukora;

iii. Kuba umushinga ugendanye n'ubuhinzi, ubworozi, gufata neza umusaruro, no kongerera agaciro umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi;

iv. Umushinga muri gahunda zawo ugomba kugaragaza uburyo bwo guteza imbere ikoranabuhanga, gukoresha neza amazi mu kuhira imyaka hagamijwe kongera umusaruro, kubungabunga ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere;

v. Nyiri umushinga agomba kwerekana uburyo umushinga wagiye wunguka nibura mu myaka ibiri ishize;

vi. Umushinga ugomba kwerekana uruhare ufite mu guhanga imirimo mbere na nyuma yo guterwa inkunga,

vii. Nyiri umushinga agomba kwerekana gahunda y' uko ibikorwa byatewe inkunga bizakomeza gusigagasirwa nyuma y'igihe inkunga yateganirijwe (sustainability plan);

viii. Nyiri umushinga agomba kuba ari urubyiruko afite imyaka iri hagati ya 18 na 30;

ix. Nyiri umushinga agomba kuba akorana n'ibigo by'imari byibura afite konti muri banki imaze imyaka ibiri ikora;

x. Umushinga ugomba kugaragaza icyemezo gisinyweho n'ubuyobozi bw'Umurenge umushinga uherereyemo .

xi. Ntibyemewe gutanga imishinga ibiri kur'iyi nkunga;

xii. Umukozi wa Leta ntiyemerewe gusaba iyi nkunga

xiii. Ababonye mwene iyi nkunga mu icyiciro cya mbere ntibemerewe gusaba.

xiv. Mu gihe hari abashakanye bombi banditse basaba inkunga, umwe gusa niwe ushobora kwemererwa iyi nkunga.

xv. Kuba uri mu ihuriro ry'urubyiruko rukora ubuhinzi n'ubworozi (RYAF) ni akarusho

## V. Gahunda yerekana uko umushinga uzakomeza gukora

Usaba inkunga agomba kwerekana uko azakomeza kwita ku mushinga mu gihe byibura kinga n'ibihembwe by'ihinga bitandatu nyuma yo guhabwa inkunga.

## VI. Uko inkunga isabwa

Usaba inkunga azohereza ubusabe bwe kuri imeli ya youthgrant@minagri.gov.rw

Bikorewe I Kigali, kuwa...08......../12/2021

for

**Jean Claude MUSABYIMANA**

**Umunyamabanga Uhoraho/MINAGRI**

Annex

**Application form/ Urupapuro rwokuzuza**

| **GRANT FINANCING PROGRAM**<br>**Application form (Urupapuro rwo kuzuza)** |
|---|

**SECTION I (IGICE CYA I): Identification (Umwirondoro)**

**I. Applicant identification/**

**II. Umwirondoro w'usaba inkunga** (Individual/Uwikorera ku giticye)

1. Names / Amazina: ..........................................................................................

2. ID/Passport No/ No y'indangamuntu.......................................................................

3. Date of Birth / Itariki y'amavuko: ....../.........../...............

4. Sex (Igitsina): M (Gabo) ☐ F ☐ (Gore) ☐

5. Marital status/Irangamimerere) ☐ Single/Ingaragu Married/Uwubatse:

   Divorced Uwatandukanye n'uwobashakanye ☐ Widow Umupfakazi ☐

6. Tel:............................................................... Email: ...............................................

7. Applicant address/ Aho abarizwa

| | |
|---|---|
| • City/Province (Intara) | |
| • District (Akarere) | |
| • Sector (Umurenge) | |
| • Cell (Akagari) | |
| • Village (Umudugudu) | |

8. Level of Education / Amashuri wize:

- University (Kaminuza) ☐
- Secondary (Ayisumbuye) ☐
- Primary (Abanza ) ☐
- Others (Ayandi) ☐

9. Current occupation/Umurimo ukora ubu

- Usanzwe ukora akazi kajyanye n'umushinga ushaka kwakira in☐nga?☐ Yego Oya
- Niba ari yego ufite uburambe bungana iki? ..............................................

III. **Applicant identification/ Umwirondoro w'usaba inkunga** (Umuntu ku giti cye, Koperative, Kampani)

10. **Name of an individual , Cooperative, Company /**Izina rye, Koperative, Kampani

..................................................................................................................

11. **Name of Representative/**Amazina y'ubahagarariye imbere y'amategeko

..................................................................................................................

12. **Contact address/**Aderesi

- Phone Number/Telefoni:(1) .................................... (2)..............................
- Email/imeli: ..................................................................................

13. **Location of the individual business , company , cooperative ,** /Aho umushinga uherereye, Kampani iherereye, koperative,

| | |
|---|---|
| City/Province (Intara) | |
| District (Akarere) | |

| | |
|---|---|
| • Sector (Umurenge) | |
| • Cell (Akagari) | |
| • Village (Umudugudu) | |

14. **Categories of business applicant** / Icyiciro umushinga ubarizwamo:

| | | | |
|---|---|---|---|
| ➢ Umushinga w'umuntu ku giti cye/ Individual business | ☐ | ➢ Cooperative Koperative | ☐ |
| ➢ Kampani | ☐ | | ☐ |
| | | .......................................................... .......................................................... | |

15. **Date of Registration for cooperatives and companies** / Igihe yiyandikishirije (koperative/Kampani)

Date: ....................  RDB ☐ RGB  RCA ☐ District ☐

16. **Experience related to this business** /Uburambe (*Musanzwe mukora akazi kajyanye n'umushinga mushaka kwakira inkunga?)*

Yes/YegoNo /Oya ☐ ☐

- If yes, mention your experience in years /Niba ari yego mufite Uburambe bungana iki? Imyaka .....................

**SECTION II (IGICE CYA 2): Project Idea (Igitekerezo cy'umushinga)**

**Business Idea Description/** Ibisobanuro ku gitekerezo cy'umushinga

1. **Business name**/ Izina ry'umushinga: ..............................................................................

2. **What crop/crops/livestock will you deal with** / Ni ikihe gihingwa/ibihe bihingwa/ubworozi uteganya kwibandaho mu mushinga wawe?
   - ………………………………………………………
   - ………………………………………………………

3. **What is the category of your business idea?** Urwego Umushinga uhererreyemo?

| Category | | How many employees do you have? / Ukoresha abakozi bangahe? |
|---|---|---|
| • Primary production (Ubuhinzi nyirizina/ubworozi) | | |
| • Post-harvest (Gutunganya umusaruro) | | |
| • Marketing (Ubucuruzi) | | |
| • Value addition (Kongerera agaciro umusaruro) | | |
| • Small processing units (Inganda ziciriritse) | | |

| | |
|---|---|
| • How many female/Ab'igitsina gore ni bangahe? | |
| • How many male /Ab'igitsina gabo ni bangahe? | |

4. **What are your targeted markets/** Tubwire aho uteganya isoko ry' umusaruro wawe

| No | Name/Izina | Address/Umwirondoro |
|---|---|---|
| 1 | | |
| 2 | | |
| 3 | | |
| 4 | | |

- **Do you have basic skills in your business?** Ufite ubumenyi mu bijyanye n'umushinga wawe?

  Yes /Yego ☐ No/Oya ☐

- **Why are you interested in business expansion/** Tanga impamvu wifuza kwagura umushinga wawe? (Andika mu magambo make)

5. **Briefly explain your business/project /** Sobanura mu magambo make Umushinga wifuza kwagura?

   ………………………………………………………………………………………
   ………………………………………………………………………………………
   ………………………………………………………………………………………

**SECTION III (IGICE CYA 3): Review on Investment / Incamake ku ishoramari**

3. **What is the total cost of the project investment expansion**? Wumva Umushinga wawe wakwagurwa n'amafaranga angahe?

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................Frw)

4. **What is your contribution for the project cost investment**? Uruhare rwawe ni uruhe mu kwagura umushinga?

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

5. **Illustrate the main activities in your project**? Garagaza ibikorwa by'ingenzi bigize Umushinga wawe?

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

   ..........................................................................................

6. **Do you have a bank account?** Ese ufite konti mu kigo cy'imari?

   Yes (Yego) ☐ No (Oya) ☐

   Niba ari yego, ni mu kihe kigo cy'imari?

   ..................................................

   Account name and number:/nimero ya konti

   ..........................................................

7. **Debts of applicant** /Imyenda nyirumushinga afite:

   a) No/Ntayo) ☐ Yes/ Yego ☐

If yes/ niba ufite umwenda

- How much/ ungana iki: .............................. Frw
- In which institution/ mu kihe kigo?

  - RRA Ikigo cy'Igihugu cy'Imisoron'Amahoro) ☐
  - Banki ☐
  - RSSB (Ikigo cy'igihugucy'Ubwiteganyirize) ☐

- Ahandi, havuge............................................... ☐

| |
|---|
| Applicants (Names & Title)/ Nyirumushinga (Amazina n'icyo ashinzwe)<br><br>...........................................................................................................<br><br>Applicant signature / (umukono wa Nyirumushinga)<br><br>...............................................................................................................<br><br>Date of application / Italiki Umushinga utangiweho:........./........../ 2021<br><br>Email where applications will be submitted/ ( umaze kwuzuza uru rupapuro arwohereza kuri email ikurikira) ....................... |